

**IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU MU GUTANGIZA KU  
MUGARAGARO UBUKANGURAMBAGA BWO KURWANYA  
ICYAHYA CYO GUSAMBANYA ABANA NO KWIZIHIZA  
UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUKOBWA.**

**KIGALI**

**Ku wa 12 Ukwakira 2020**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**  
**Bayobozi b'Ingabo na Polisi,**  
**Muyobozi wa RIB,**  
**Bayobozi mu nzego zitandukanye,**  
**Esteemed Partners,**  
**Batumirwa, Bashyitsi bahire,**  
**Bana bacu,**  
**Muraho neza!**

**Umunsi mwiza w'umwana w'umukobwa kuri twese!**

Nejejwe no kubana namwe uyu munsi, mu gutangiza Ubukangurambaga, bwo kurwanya icyaha cyo gusambanya abana, byahuriranye no kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa.

Ntitwakwizihiza uyu munsi gusa ngo twirengagize ikibazo gihari gikomeye cyo guhohotera Abana.

Si ubwa mbere ubukangurambaga nk'ubu bubaye, kandi ntituzacogora! Kuko tutahwemye kugira tuti:

- “ Wite ku mwana wese nk’uwawe”,
- “ Ba! Malayika Murinzi”,
- “ Ba! ijisho ry’umuturanyi”
- “ Amagana abantu bakuru bangiza abana”

Iyo urebye ibyakozwe byose kugeza ubu, bitera umuntu kugergeza gushakisha impamvu-muzi, ituma icyaha cyo guhohotera abana kidacika burundu.

Ibi bitera no gutekereza ko umuntu ari mugari koko. Iyo urebye usanga duhora dutungurwa n’ibyo umuntu yakoze, rimwe na rimwe ubwenge n’imibanire y’abantu bigatuma tutabyemera cyangwa tutabyiyumvisha.

Kumva ko umubyeyi, umuvandimwe cyangwa umurezi yakoze icyaha cyo guhohotera umwana, wibaza aho dukwiye kugarira, ngo turinde umwana bihagije.

Iki cyaha nacyo, gifite byinshi cyambaye bituma abantu bagihishira.

Uwahohotewe agira iphunwe n’ubwoba bwo kugira n’uwo yatabaza.

Ababonye icyo cyaha gikorwa, bagihishira kenshi kubera uwagikoze, isano bafitanye cyangwa ubundi bubasha afite.

Ndagira ngo twongere twibaze tuti: iki kibazo gikomeje gutya, twaba tugana he, cyane ko atari ikibazo twisangije twenyine nk'u Rwanda.

Ese ko amategeko ahari habura iki?

Ese ni ubumenyi n'amakuru bidahagije bihabwa umuryango ngo ubashe kwirinda?

**Birababaje kubona mu bushakashatsi bwakozwe batubwiye, bugaragaza ko 20.5% by'abana baterwa inda,baba bafite munsi y'imyaka 11.**

Hari igihe tunibwira ko hahohoterwa abana b'abakobwa gusa, ariko ubushakashatsi bwerekanye ko hari n'abana b'abahungu bahohoterwa.

Sinzi ko ibi twabibonera inyito ariko ntibikwiye. Ni amahano!

Ubuhamya bw'abagize ibyago byo guhohoterwa ari bato, usanga batinyuka no kuvuga ibyababayeho hashize igihe kinini, ndetse bakabana n'ihungabana ry'igihe kirekire, ribagiraho ingaruka zikomeye.

## **Babyeyi, Barezi, Abari mu nzego zifata ibyemezo!**

Mu Rwanda, ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore bumaze kutugeza kuri byinshi kandi byiza.

Ndongera gusaba uruhare rukomeye rw'abagabo by'umwihariko mu kurandura iki kibazo. Kandi ndabizeye!

## **Ku Babyeyi Bagenzi banjye n'Abarezi by' umwihariko,**

Twongere umwanya wo kuganira n'abana bacu, buri wese abe ijisho ry'umuturanyi n'umurinzi w'abo bato bacu.

Ni ngombwa ko twese twihugura, tugasobanukirwa imikurire y'umwana n'imihindagurikire y'umubiri we.

Turusheho kumugira inshuti, kuko n'iyo hari icyamubayeho biramworohera kubivuga.

## **Bana bacu, namwe mugire amakenga!**

Mwirinde ababashuka, bashobora gutuma muhura n'ingaruka, muzahangana nazo ubuzima bwose.

Uhuye n'ikibazo yihutire gushaka ubufasha haba ku mubyeyi, umuturanyi, inzego z'ubuzima cyangwa n'inzego z'ubuyobozi z'aho atuye.

### **Bafatanyabikorwa mwese,**

Turabashimira uruhare rwanyu, muri iyi gahunda y'ubukangurambaga, ndetse n'ubufasha buhabwa abahohotewe.

Dukomeze tunoze uburyo bikorwa, bahabwe serivisi zikomatanyije kandi ntihagire uwo dusiga inyuma; hitabwa cyane ku bafite intege nke kurusha abandi, abafite ubumuga n'abo bibarutse.

Nifuje gusoreza ku mukoro wihariye, ku bafatanyabikorwa n'inzego zose zirebwa n'iki kibazo.

- Ndasaba buri wese, mu rwego arimo, ko dutekereza ku ngamba zidasanzwe **“Aggressive and Innovative Measures”**.
- Dutekereze icyakorwa kugira ngo imanza z'abakekwa n'abahamijwe iki cyaha, zihutishwe.

- Abanyamategko mu nzego zose, baturebere niba iki cyaha, kidakwiye gushyirwa mu byaha bidasaza.
- Mu bufasha buhabwa abana bagizweho ingaruka n'iki cyaha, tubabe hafi tubafashe gukira ibikomere no kubagarurira icyizere n'ibyishimo byo kubaho.
- Twongere imbaraga mu gutegura no gusakaza inyigisho ziboneye z'abana, zibafasha gusobanukirwa icyaha cy'ihohoterwa ribakorerwa, kwirinda no gushaka ubufasha igihe bahohotewe.
- Dutoze abana bakiri bato umuco w'ubumuntu no kwirinda gukora ikibi icyo ari cyo cyose.

Mboneyeho umwanya wo gutangiza ku mugaragaro, ubukangurambaga bugamije gukumira no kurwanya abakora icyaha cyo gusambanya abana.

Bana bacu dukunda, Muhumure! Ijwi ryanyu turaryumva!

Murakoze, mukomeze kugira umunsi mwiza!